


MU RWANDA HABAYEHO IMIRONGO IBIRI GUSA YA POLITIKI : Uwa LUNARI n'uwa MDR-Parmehutu !

Parution: Friday 4 October 2013, 15:50
Par:Edmond Munyangaju



GUHUZA AMASHYAKA YA “OPPOSITION” NYARWANDA NI NKO KUBAKA UMUNARA WA BABEL !

Maze iminsi mbona kuri izi mbuga abantu basaba bashimitse ko amashyaka ya “opposition” nyarwanda yakwiyunga agafatanyiriza hamwe guhindura ubutegetsu mu Rwanda. Ababivuga babiterwa n’uko bumva byahuriza hamwe ingufu ubu zitataniye mu mashyaka anyuranye atavuga rumwe n’ubutegetsu bwa FPR. Ni icyifuzo cyiza. Gusa ndagira ngo turebere hamwe ireme ry’iki gitekerezo n’ingaruka zacyo. Mu buzima, hari ubwo umuntu yiyungura inama yumva ari nziza, akayishyira mu bikorwa, agatungurwa n’uko ibyaye ingaruka zinyuranye cyane n’izo yatekerezagako. Umuhanzi Nkurunziza yaracuranze ati **“bavuga ko amata aryoha ubuki bukarusha, ariko mu busore hari ikibisumba: kurebana akana ko mu jisho n’umugeni. Iyaba bitaherukwaga na sinamenye”**. Koko rero hari ubwo imishinga yacu tuyirebera mu ntangiro, tukabona byose bishashagirana. Aba ari igihe cy’akana ko mu jisho. Gusa kuko ubuzima bugira ayabwo, hari ubwo byose birangirira muri “sinamenye”. Ibi mu buzima birashyika kenshi. Muri politiki na ho ni uko. Ni yo mpamvu burya kuyikora ari ubugenge nyabugenge. Kugira ngo twumve akamaro cyangwa ingorane zo kwishyira hamwe, dutangire tureba abajya muri politiki ari bantu ki.

1. Kuki abantu bajya muri politiki?

Icyamba mbere ngira ngo tubanze duhigike ni ya mareshyamugeni ngo umuntu WESE wiyemeza gukora politiki abiterwa no gushyamba kwitangira abandi.

Ubushakashatsi bwose bwerekana ko iki ari ikinyoma. Ikimenyimenyi ni uko benshi mu bavuga ko bajanywe muri politiki no kwitangira abandi, usanga mu buzima busanzwe wenda atari na ba bantu babangurirwa no gufasha. Ugasanga mu buzima bwabo batarafungurira umushonji n'umwe, batazi icyo kurera imfubyi ari cyo, n'ibindi. Ubushakashatsi rero bwo bwerekana ko kenshi abantu bajyanwa muri politiki n'impamvu ebyiri. Gushaka ubutegets (power seeking) no kurwanira ishyaka ibitekerezo byabo (policy seeking). Muri make rero, ujya muri politiki aba abifitemo inyungu. Ushaka ubutegets aba ashaka ibyubahiro, amakuzo, ubukire n'ibindi bijyana na bwo. Urwanira ibitekerezo aba yumva igihugu hari uburyo kigomba kuyoborwamo. Iyo abigezeho, na we yumva bimuhaye agaciro imbere y'umutimanama we n'imbere y'abandi.

Kuba abantu bajyanwa muri politiki no gushaka ziriya nyungu zombi dusobanuye, hari uwabyita inenge. Si byo. Ahubwo ni byiza. Umunyapolitiki ubyemera aba ari inyangamugayo kandi avugisha ukuri. Aba ari n'umugabo. Hari abashima ubabeshya ko ngo nta nyungu akurikiye. Rubanda irashukika. Ubwabyo ni ikibazo kujya mu bintu bitagira inyungu. Gusa rero inyungu ziri kwinshi. Ntituzigarukirize ku mafaranga n'ubukungu nk'uko bamwe babikora. Burya n'ugiye kwiha Imana muri wa muryango w'ababikira bita ku ndembe, haba hari inyungu akurikiye: umukiro wa roho n'ubugingo bw'iteka. Umunyapolitiki uvuga ko nta nyungu akurikiye, iyo atari umubeshyi aba ari indindagire. Hari na none uwambaza ati "**none se uwo muntu ukurikiranye inyungu ze yagirira ate igihugu n'abaturage akamaro?**". Iyo ashaka ubutegets, yita ku byo abaturage bifuzako kuko ni bo ba nyirabwo. Na bo rero bamuhundagazaho amajwi. Mbese ni mpa nguhe. Iyo arwanira ibitekerezo, akora uko ashoboye ngo yumvishe abaturage agaciro kabyo, bamuhe amajwi, abishyire mu bikorwa. Ng'uko uko umunyapolitiki ukurikiye inyungu bwite ahindukira akagirira abaturage akamaro.

2. Abanyapolitiki bacu wabashyira mu kihe cyiciro?

Ukuri ntikwica umutumirano, reka mbivuge, nta na hamwe. Ingorane u Rwanda rwahuye na yo ni uko rwagize abanyapolitiki badakurikiranye inyungu. Biragoye kumenya icyo bakurikiranye, ariko nshidikanya niba bo baba bakizi. Muri gute? Duhereye ku kurwanira ibitekerezo, biragoye kumenya umurongo w'abanyapolitiki b'abanyarwanda. Umurongo wa politiki ntituwitiranye n'izina ry'ishyaka. Umurongo wa politiki ni ukugira ibitekerezo kandi abaturage bagasobanurirwa uburyo byahindura imibereho yabo. Reka ntange urugero.

Tumaze imyaka irenga 20 dufite ishyaka ryitwa **PSD**, ngo riharanira imibereho myiza y'abaturage. Jya rero mu giturage ubaze umuturage niba arizi. Umubaze niba yaritoro n'icyo aritezeho. Ese ni abanyarwanda bangahe bazi icyo PSD yabazanira kitazanwa na FPR, PDC cyangwa PDI?. Muri politiki, umurongo w'ishyaka iyo utazwi n'abaturage (ntitwitiranye kuwumenya no kuwibonamo) uba ntawo. Ikindi kiranga umurongo uhamye w'ibitekerezo, ni ukuba uruhererekane hagati y'ibisekuru. Abiyita ibigugu muri politiki yacu mbanenga kuba nta babyiruka babagwa mu ntege. Byari kuba iyo bagira umurongo w'ibitekerezo uzwi. Bitabaye, biragoye kubajya inyuma utazi aho bagana.

Ushingiye kuri ibi, wasanga u Rwanda kugeza ubu rwagize imirongo ibiri ya politiki: **uwa Runari (UNAR)** n' **uwa MDR Parmehutu**. Twazabigenera akanya tugasesengura iyo mirongo yombi, aho itandukaniye n'aho ishingiyeye. Gusa tutagiye kure, reka ntange ibimenyetso bitatu.



Uyu ni Nyakubahwa Gregoire Kayibanda washinze MDR-Parmehutu.

MDR-Parmehutu yahaniraga ukwishyira ukizana kwa Rubanda rugufi,

gihake na gikolonize bikagenda nk'ifuni iheze.

Iyo uvuze Runari cyangwa MDR, abantu bahita bakubita agatima ku bitekerezo n'imiterere y'ubutegetsi mbere yo kwibuka umuyobozi (Leader) runaka. Abenshi mu babyiruka ubu ushobora gusanga batanibuka abayashinze n'abayayoboye, ariko icyo yarwaniraga cyo barakizi. Iki ni ikimenyetso cy'uko muri ayo mashyaka ibitekerezo byarushaga agaciro amazina y'abayobozi. Iki ni icya mbere kiranga umurongo uhanye wa politiki.

Icyo kabiri ni uko, ukoze ubushakashatsi, watungurwa n'uko abato babyiruka basobanukiwe na Runari cyangwa MDR kurusha uko basobanukiwe na PDC kandi ari yo yo muri iki gihe. Icyo ni ikimenyetso cya kabiri.

Icyo gatatu ni uko ibitekerezo by'aya mashyaka byambukiranyije ibisekuru (générations). Ibya Lunari biracyariho muri FPR nyuma y'imyaka 50. Ibya MDR na byo ntaho byagiye. N'ubwo ubu nta shyamba ribihagarariye cyangwa ribiyitirira, biraho bituje. Ikibigaragaza ni uko FPR, mu mikorere yayo, ni byo ihora yikanga, ikabihoza muri "target". Muzarebe iyo ivuga ibya **kamarampaka**, **rubanda nyamwinshi**, **ubwigenge** n'ibindi byubatswe na **MDR**, icika ururondogoro.

Dore ikindi gitangaje abantu batitayeho. Nyuma ya jenocide, ishyamba twari twiteze ko risenywa imbere y'amategeko ni **MRND**, kuko yaregwaga **jenocide**. Nyamara si ko byagenze. FPR yihutiye gusenya **MDR** kuko izi ko ari yo ifite umurongo n'ibitekerezo bikomeye bishobora kuzayigora. MRND n'ubwo ubu idahari mu Rwanda, nyamara yo ntiyigeze iregwa mu mategeko ngo iseswe nk'ishyamba. Biratangaje. Ushaka rero kureba ingufu z'ibitekerezo bya MDR azarebe uburyo FPR-Inkotanyi ikora ibyikanga. Ihora ibyikanga. Ngo ntawe utinya ijoro atinya icyo barihuriyemo. **Twibutse ko FPR yatangiye yitwa RANU cg UNAR mu gifaransa!**



Uyu ni Umwami Mutara Rudahigwa.

*Runari yo yarwaniraga ko Ingoma ya gihake n'akarengane byajyanaga
yaramba ubuziraherezo mu Rwanda , rubanda nyamwinshi igakomeza kugirwa
Abagaragu, abagereerwa n'Inkomamashyi.*

3. Itandukaniro hagati yo gushaka ubutegetsi no gushaka imyanya.

Ni byiza gutandukanya ibi bintu byombi. Umunyapolitiki ushaka ubutegetsi aba afite umurongo n'icyerekezo. Ushaka akanya aba ari umucanshuro. Ushaka ubutegetsi, agira umurongo wa politiki, agaharanira kuwumvisha abaturage ngo nibamutora awushyire mu bikorwa. Ushaka akanya, nta bitekerezo nta n'umurongo. icyo apfa ni akanya. Akenshi, yisunga abafite ibitekerezo n'umurongo ngo arebe ko bamusagurira. **Ngiyo indangagaciro ya byinshi mu byiyita amashyaka biri mu Rwanda muri iki gihe.** Kuko nta murongo w'ibitekerezo, bahisemo kwiturira mu ibaba rya FPR, ngo amahanga abone ko ubutegetsi buhuriweho n'amashyaka menshi. FPR na yo yabemereye kutarisha ikiyiko, ahubwo ikajya irisha ikanya ngo hagire utuvungukira dutakara na bo bagire icyo bacyura. Iyi ndwara ariko ushishoje wayisanga no muri opposition.

4. Amashyaka ya “hobe ibyansize” na “twihangire imirimo”.

Iyo abantu bageze mu buhungiro, ikibazo cya mbere bagira ni icyo kwakira imibereho mishya. Abakiri bato bo biraborohera kuko baba bakiyubaka. Abakuzeho gato, bahura n'ikibazo cyo kwibona muri sosiyete itabaha icyubahiro n'umwanya bari bamenyereye. Reba rero umuntu wari minisitiri cyangwa Jenerali akibona muri ka kumba bacumbikiramo impunzi, yakwaka akazi bakamuha ako kwakira abinjira (réceptioniste) mu nzu y'abasaza cyangwa gucunga umutekano mu isoko. Yatambuka agasanga ntawe umwitayeho kandi yari amenyeye kuramukanywa ibyubahiro. Munyumve neza nta kazi nsuzuguye. Gusa imyumvire yacu ya kinyarwanda n'uko twumva ibyubahiro biradukurikirana. Aha rero ni hamwe haturuka imisusire y'amashyaka yacu. Hari ayo umuntu yakwita **“Hobe ibyansize”** cyangwa **“Twihangire imirimo”**. Ni ishyamba nshinga ngo ntibagirana kandi narigeze gukomera. Mba nteganya ko rimwe mu mwaka BBC izampamagara mu kiganiro mpaka, rimwe mu myaka ibiri tugakora inama, ubundi tugatanga itangazo kuri internet. Ibikorwa bya politiki bikagarukira aho. Iyo izina ryanjye barivuze nka rimwe mu mezi atandatu, numva nanjye nkiri mu ruhando ngo rwa politiki. Ubishidikanya, afate ishyamba rimaze imyaka nk' 10 rivutse,

arebe ibikorwa bya politiki rikora mu mwaka cyangwa ryakoze muri icyo myaka. Nanyomoza nzamushima. Amashyaka nk'aya ntaba agamije kurwanira ubutegetsu cyangwa se kurwanira ibitekerezo. Cyakoze rimwe na rimwe icyo akanya kabonetse ntakitesha. Ngiyo impamvu hari abarangiriza mu Rwanda kwihesha agaciro kandi nyamara batahwemaga gutuka FPR. N'abayituka ubu, ibemereye akanya, hari abarenze umwe bamanuka batakirwambaye.

Kera mu bayahudi, abanyapolitiki b'ukuri bari Abahanuzi. Umuhanuzi rero yagombaga kuba ari umuntu usanzwe yitunze. Impamvu kwari ukugira ngo hatazagira umucyurira ko yaje gushaka amaramuko. Umunsi umwe rero, Amasiya, umusaherezabitambo w'i Beteli, yigeze gushaka kubicyurira umuhanuzi Amosi. Amosi yahagaze yemye ati **“mfite amasambu yanjye n'amatungo ahagije. Gusa Uhoraho yarambwiye ati bisige ujye guhanura. Ariko nari nitunze” (Am 7,14-15).**

Ese ye, abanyapolitiki bacu mu buhungiro, ni bangahe bashobora gutanga igisubizo nk'iki hagize ubacyurira? Ni yo mpamvu FPR na yo ibihoza ku munwa, ibacyurira gushaka amaramuko. Opposition y'ukuri izatangira umunsi twagize abanyapolitiki bashobora nkwishongora nka Amosi, bati **“twari twitunze, dufite akazi aka n'aka, dufite umwuga uyu n'uyu, ariko twarabiretse kuko twiyumvisemo umuhamagaro wo gukora politiki”**. Aha rero ni ho hari ibanga ryo guhuza amashyaka ya opposition.

5. Guhuza amashyaka ya opposition ni nko kubaka umunara wa Babel.

Muri politiki, hari ibintu bibiri bituma amashyaka yishyira hamwe. Ni bya bindi n'ubundi navuze: **gushaka ubutegetsu no kurwanira ibitekerezo**.

Duhere ku mashyaka ashaka ubutegetsu. Ayangaya akunze kwishyira hamwe mu gihe cy'amatora. Ashobora kubikora mbere cyangwa nyuma ho gato. Mbere y'amatora, aba agira ngo adatatanya amajwi ahubwo ayakusanye ashobore kwegukana imyanya ihagije. Nyuma y'amatora, haba hari iryatsinze ariko ridafite amajwi ahagije ngo ritegeke ryonyine. Rishaka irindi byiyunga. Iri rishakisha irindi rito, rinyotewe ubutegetsu, ariko ridafite umurongo w'ibitekerezo ukomeye, kugirango ritazarigora mu guhitamo ibikorwa bya leta. Iyi ni inzira ya mbere opposition nyarwanda yakwihurizamo. Opozisiyo ishatse kujya mu matora, byaba byiza kwegeranya imbaraga. Bitabaye ibyo, kwiyunga wasanga ntacyo byunguye cyane.

Mu buryo bwa kabiri, amashyaka arwanira umurongo w'ibitekerezo yo ashobora kwiyunga igihe icyo ari cyo cyose. Iyo abonye imirongo n'icyerekezo bijya hamwe, hari ubwo ahitamo gukorera hamwe kuko aba yegeranye mu myumvire. Iki rero ni cyo kibuze mu mashyaka ya opposition nyarwanda. Twatangiye tureba uburyo umurongo wayo wa politiki udasobanutse, amwe ndetse akaba atanawugira. Iyo rero abantu bavuga kwishyira hamwe, baba birengagije ko abishyira hamwe bagomba kuba hari ibyo bahuje.

Kugeza ubu, ikigaragara amashyaka ya opposition ahuriyeho ni **ubushake bwo gutsinsura ubutegetsu bwa FPR**. Gusa rero muri politiki ubushake bwo guhindura ubutegetsu ntibuhagije ngo abantu bishyire hamwe. **Igikomeye ni icyo buri wese yumva yabusimbuza n'uburyo yabigeraho**. Gukuraho ubutegetsu bwa FPR, ukabusimbuza Repubulika ishingiyeye ku mahame ya demokarasi, undi akabusimbuza ingoma ya ubwami (monarchie), ni imishinga ibiri inyuranye kuri byinshi.

Igikomeye kurushaho, ni uko hari n'amashyaka atari make agarukira kuri icyo ntambwe ya mbere: **guhira FPR**. Ibindi ntubabaze. Byaragaragaye kenshi aho abantu barwanya ubutegetsu, bakabukuraho, nyuma bakayoberwa icyo babusimbuza, ugasanga ntaho bavuye

ntaho bagiye. Muzitegereze Kongo nyuma ya Mobutu, Iraki nyuma ya Saddam, Misiri nyuma ya Mubarak n'ahandi.

Ikibazo cy'ukuri opposition nyarwanda ifite si amashyaka menshi cyangwa make. Yego ngo uburo bwinshi ntibugira umusururu, ariko na none ngo ingabo nyinshi ni izongeranya. **Ikibazo cy'ukuri ni amashyaka (make cyangwa menshi) ariho ku izina, atagize icyo yunguye usibye gutera icyugazi no gutuma abatabizi bibeshya ngo hari ababitubereyemo, kandi byahe byo kajya! Ikibazo cy'ukuri ni amashyaka (make cyangwa menshi) adafite umurongo wa politiki, muri make atagize icyo amaze.**

Hari umunyapolitiki wigeze gucyurira undi, ati: **“nemera ko igihugu gikwiye kuyoborwa n'impaka z'ibitekerezo. Ikibazo gusa ni uko n'abadafite ibitekerezo bashaka gutera impaka”**. Yarasaze agwa ku ijambo. Abashaka rero guhuza opposition nyarwanda nabagira inama yo kubanza kuyirema. Niba babona ihari, nabagira inama yo kuyicira (kuyikonorera) nk'uko bicira ikawa kuko yuzuye ibyonnyi. Ikibazo si uguhuza amashyaka menshi ya opposition, ikibazo ni ukumenya wahuza ayahe. Hari arenze rimwe azagira akamaro umunsi yasenyutse.

Umwanzuro wo kwisequra.

Ndabizi ko hari uri buntere ibuye ngo nakoze ishyano mvuga ko hari amashyaka ya opposition nyarwanda y'imburamumaro. Hari uwandenganya ngo nsuzuguye abanyapolitiki b'inararibonye kandi basaziye mu mwuga. Mbere yo kwihutira kuntera ibuye, banza unsubize iri hurizo: uburyo FPR yafashe ubutegetsu n'uburyo ibutengamaye imyaka 19, nyamara idashyigikiwe n'abatwaga, kandi ngo dufite inararibonye muri politiki n'amashyaka anigana. Nurangiza, ndatega umutwe. Ntuntere ibuye gusa, ahubwo ndemera ufate n'intosho. Umunyapolitiki Machiavel ni we wanditse ati “ibiriho n'ibyakagombye kubaho birahabanye cyane, ku buryo umuntu wirengagiza ibiriho aba agana ahabi (la distance entre la réalité et l'idéal est tellement grande que celui qui ferme les yeux sur ce qui est, apprend plutôt sa perte que sa survie). Ukuri nguko. Kurarura, ariko guca mu ziko ntigushye.

LUNARI NA PARMEHUTU BUBATSE IMIRONGO IBIRI POLITIKI Y'U RWANDA YAGENDEYEHU KUGEZA UBU.



Ngo “aho imfura zisezeraniye, ihatanze indi irahaborera”. Mu cyumweru gishize nari nabasezeranyije ko tuzasesengurira hamwe [imirongo ibiri yaranze politiki y’u Rwanda, ikaba yarubatswe na UNAR na MDR](#). Sintebye ndatebutse. Umwanditsi w’igitabo cy’umubwiriza yitegereje ibibera mu nsi ni ko guterura agira ati: **“Ibyahozeho ni byo bizakomeza kubaho; ibyakozwe ni byo bizakomeza gukorwa, ugasanga nta kintu gishyashya cyaduka ku isi. Hari ubwo haba ikintu bakavuga ngo dore kiriya ni gishyashya! Burya na cyo kiba cyarabayeho mu binyejana byahise”** (Umubwiriza 1,9-10). Yagushije ku kuri guhamye. Ibi ntibivugurujye kuba isi igenda ihinduka. Ihora ijya mbere kuko ngo “bucya bucya ayandi”. Nyamara ihame uyu muhanuzi yagushijeho ritwibutsa ko atari bibi gusubiza amaso inyuma tukareba ibyahise, kuko biba bipfunditse amabango yadufasha kumva iby’ubu. Nk’uko twabikomajemo ubushize, reka dufatanye kureba uburyo, iyo ucukumbuye, usanga kugeza ubu **LUNARI na MDR-Parmehutu** ari yo mirongo ifatika y’ibitekerezo bya politiki u Rwanda rwagize. Hari uwakwibaza ati **ese andi mashyaka yabayeho nyuma nta murongo wa politiki yagiraga?** Iki kibazo kirakwiye. Dufatanye tugishakire igisubizo.

Mu gutangira, reka twibukiranye ibibanza:

- Ni byiza kutitiranya umurongo wa politiki n’izina ry’ishyaka. Birashoboka kugira kimwe udafite ikindi. Izina ry’ishyaka rishobora kuba rivuga ko riharanira imibereho myiza y’abaturage, kandi mu bikorwa ritazi n’iyo byerekerera. Ushobora no kubona ishyaka riharanira imibereho y’abaturage mu bikorwa, kandi ntiribishyire mu izina.
- Ishyaka rya politiki n’umurongo wa politiki ntibigendana iteka. Hashobora kubaho ishyaka ritagira umurongo wa politiki, kimwe n’uko hashobora kubaho umurongo wa politiki utagira ishyaka riwuhagarariye. Birakwiye rero gusobanura ibintu neza.

I. POLITIKI NI IKI?

Ntiriwe ndondora ibisobanuro byose bitangwa n'abahanga, navuga ko politiki yubakiye ku bintu bibiri by'ingenzi biranga imibereho ya muntu. Mu buzima bwacu, ibyo dukeneye ntibigira ingano (besoins illimités), nyamara ikigega cy'ibisubizo cyo ni gito (ressources limitées). Hatabayeho inzira zo guhuza aya mahurizo yombi, abantu twabaho nk'inyamaswa, inini ikajya imira into. Mu kubyirinda, abantu bashaka inzira zo kumvikana ku mahame abagenga ngo **basaranganye kugirango buri wese ashobore kubaho mu mahoro no mu munezero**. Ngiyo politiki. Ni ibikorwa byose bihuza abantu bagamije kubaka imiyoboro ikemura ririya hurizo ry'ibyo bafite (ressources) n'ibyo bakeneye (besoins). Ni yo mpamvu ahari abantu babiri, burya politiki iba yatangiye. Kuba mu rugo umugabo yasa inkwi, umwana akavoma, umugore agateka, iyo na yo ni politiki mu rwego ruciriritse. Iyo imiryango myinshi yishyize hamwe igamije gushakira igisubizo ririya hurizo tumaze kuvuga, irema icyo abagereki bitaga "Polis" cyangwa "Cité", ari nako ibihugu byavutse. Ibikorwa byose bijyanye no gufasha "Polis" kubaho mu **mudendezo** ushingiyeye ahanini ku gusaranganya neza ibyiza by'igihugu, nibyo byitwa **politiki**.

Ku rwego rw'amashyamba n'ibihugu, kubaka iyo "**miyoboro ifatika**" ihuza abantu benshi hagamijwe kubafasha kubana mu mahoro arambye ntibyizana kandi ntibyahawe bese : bisaba abantu babifitiye impano(charisme), ugutinyuka, ubushake, ubwitange, ubushobozi n'umuhate : abo nibo bitwa **Abanyapolitiki**. Ni na yo mpamvu atari ubonetse wese ukora politiki. Kuko ni wo mwuga ugoye kurusha iyindi.

Kimwe mu bibazo bikomereye u Rwanda muri iki gihe wacyumvira aha. Buri wese yihinduye umunyapolitiki. Ngo nyumbakumi yumvise ko Kadafi yishwe, ariyamirira ati: "**abanyapolitiki turashize!**". Muri "opposition" nyarwanda na ho ushishoje ntiwabura bene abo , bigira abanyapolitiki kandi ntacyo biyumvira. Umuntu yabigereranya n'ubuhanzi. Kuririmba muri korali ni ibya benshi, naho kuba umunyamuziki n'umuhanzi w'indirimo ni ibya bake babifitiye impano. Na politiki ni uko. Ikorwa n'abayifitiye impano, bafite umurongo w'ibitekerezo barwanira. Iyo bitabaye ibyo, ihinduka amacambwa. Amacambwa ni amazi y'ibirohwa aba ku nkengeri z'umugezi. Ubundi imbwa zitinya amazi maremare, ariko kuko ayo yo aba ari ku ruhande kandi ari hagufi, na zo zirahajya zikidumbaguzwa, zikivovota, zigataha zumva zivuye koga mu mugezi. Ni yo mpamvu bayita amacambwa. Umugani ugana akariho.

II. UMURONGO WA POLITIKI BISOBANURA IKI?

Umurongo wa politiki ni ibitekerezo, umushinga (projet de société), n'ibikorwa bigamije kubaka sosiyete no kuyiha igihagararo iki n'iki. Ufite umurongo wa politiki aba yumva igihugu hari uburyo cyayoborwamo maze abagituye bakarushaho gusangira mu mutuzo ibyiza bigikomokaho. Umurongo wa politiki urangwa n'ingingo enye:

1. Kuqira ibitekerezo

Aha hari uwakwiyamirira ati ese ubundi habaho abantu batagira ibitekerezo? Muri politiki birashoboka. Urugero: uwavuga ko ashaka gukuraho ubutegetsu bwa FPR akoresheje intambara, kandi mu mushinga we wa politiki ntitubonemo gushaka ibikoresho n'abarwanyu, yaba nta bitekerezo afite. Tutagiye kure, hari benshi ubu baharanira ngo guhirika ubutegetsu bwa FPR. Wababaza icyo bazabushimbuza, ugatungurwa n'uko icyo kibazo ari ubwa mbere kibanyuze mu bwonko. Kurwanira guhindura ubutegetsu udafite icyo ubushimbuza gifatika (projet de société alternative) ni ukutagira ibitekerezo. Byaragaragaye kenshi aho abantu barwanya ubutegetsu ndetse bakabukuraho, nyuma bakayoberwa icyo babushimbuza, ugasanga ntaho bavuye ntaho bagiye.

Muri politiki, kugira ibitekerezo, bivuga kugira ibihamye, bihera ku ntangiro bikagusha ku iherezo, bikareba impande zose z'ikibazo. Iyo bigarukiye mu cyeregati, cyangwa bigafata igice cy'ikibazo, tuvuga ko nta byo. Hari igihe bidogera ugasanga kuyoborwa n'abatagira ibitekerezo birutwa no gutegekwa n'abafite ibitekerezo ugaya. Muri Libiya Kadafi ngo yari umunyagitugu. Nyamara ubu baramwifuzaga, atari uko bakunze igitugu cye, ahubwo kuko yasimbuwe n'abatagira ibitekerezo n'umurongo bya politiki. Za Iraki ni uko n'ahandi henshi. Amateka aratuburira. Urabe wumva mutima muke wo mu rutiba!

2. Kugeza ibitekerezo ku baturage

Muri politiki, ibitekerezo by'ishyamba iyo bitazwi n'abaturage, ngo babyibonemo cyangwa se babinenge (kubinenga ni gihamba y'uko babizi), biba bitabaho. Dukore umwitozo muto. Ese hari uzi gutandukanya umurongo wa PSD n'uwa PDC cyangwa PDI? Ese ni abanyarwanda bangahe bazi icyo rimwe muri yo ryazana kitaturuka ku bandi? Muri politiki, umurongo w'ishyamba iyo utazwi n'abaturage uba ntawo.

3. Umurongo wa politiki ugira abawurwanya

Iki ni ngenzi. Kugira abawurwanya bifite agaciro kayingayinga ako kugira abawushyigikiye. Twabonye ko politiki ibereyeho gucunga amakimbirane ari muri kamere muntu. Ni yo mpamvu muri politiki iyo uvuze ngo ndashaka iki, biba bisobanuye ko hari ikindi wanze. Iyo ufite umurongo wa politiki, uba uvuga uti twe tubona igihugu cyayoborwa gitya. Mu buryo buziguye (indirectement), uba uvuze ngo twanze ko kiyoborwa kuriya. Abashyigikiye uwo umurongo wundi barakwamagana. Burya rero guhangana biri muri kamere ya demokarasi. Gusa ni uguhanganyishye imishinga n'ibitekerezo (Débat-tre). Aha wahahera wumva bimwe nakomwojeho ko habaho amashyamba atagira umurongo wa politiki. Muratinye ishyamba ritagira urirwanya. Ese ye, waba warigeze wumva umuntu urwanya ibitekerezo bya PSD, PDC, PDI... Impamvu iroroshye. Wabinenga utabizi? Ese wabimenya wenda bitanabaho? Muri politiki abantu bahanganyishye ibitekerezo. Bimwe mu biranga utabifite ni ukutagira abamunenga no gutinya kujya ahabona ngo aje impaka n'abandi.

4. Ibiterekerezo bidapfa

Umurongo wa politiki ni ibitekerezo bikomeza kubaho n'ababitangije batakirira ho. Reka ntange urugero.

Iyo uvuze LUNARI na PARMEHUTU, utungurwa n'uko abato babyiruka bazi kuyatandukanya kurusha uko basobanukiwe n'amashyamba y'ubu. Ibiterekerezo byayo byabaye uruhererekane kandi byambukiranyije ibisekuru (générations). Ibya UNAR biracyariho muri FPR nyuma y'imyaka 50. Ibya PARMEHUTU na byo ntaho byagiye.

III. UMURONGO WA POLITIKI WA LUNARI n'uwa PARMEHUTU.

Icyo amashyaka ya politiki abereyeho, ni uguhuriza hamwe ababyumva kimwe. Hari ikintu rero gitangaza. Hafi ya hose muri politiki, hakunze kubaho **imirongo ibiri mikuru ihanganye** mu mashyaka anyuranye: Muri Leta Zunze ubumwe z’Amerika hari Democrates na Republicains. Mu Burayi hakaba Gauche na Droite. Mu bihugu by’abayisilamu hakaba Partis Religieux na Partis Laïcs. N’iyo habayeho andi mashyaka, bayareba bahereye kuri ibyo bice byombi, ukumva ngo Centre-Gauche cyangwa Extrême-Droite.

Mu by’ukuri, kuri buri ngingo ireba sosiyete, haba hari ibyifuzo n’ibitekerezo binyuranye. Gusa, muri politiki buri wese akenera gufatanya n’abandi ngo bahuze ingufu. Iyo kamere ya politiki ituma bya bitekerezo bitatanye bigenda byiyegeranya, hagasigara imirongo migari ibiri ihanganye. Muri politiki babyita “**convergence à la médiane**”. No mu Rwanda ni uko.

Mu ntangiro, havutse amashyaka anyuranye, nyamara byaje kurangira yibumbiye mu bice bibiri. [Umurongo wa Repubulika ishingiyeye kuri demokarasi urangajwe imbere na MDR-Parmehutu](#), hakaba n’umurongo w’[Ubwami bushingiyeye ku bisekuru, amoko n’imiryango, ushyigikiwe na UNAR](#) (si yo yawutangije, yavutse isanga umaze ibinyejana, iwugira uwayo mu ruhande rw’amashyaka).

Ishyaka MDR



Kenshi dukunze kuryita MDR-PARMEHUTU. Ryashinzwe tariki **9 ukwakira 1959** ryitwa PARMEHUTU (Parti du Mouvement de l’Emancipation Hutu), riyobowe na Grégoire Kayibanda. Inama rusange yabereye i Gitarama taliki ya 28 Gicurasi 1960, yarihinduriye izina ryitwa **M.D.R (Mouvement Démocratique Républicain)**. Nyamara kuko izina rya mbere ryari ryaramaze gufata, ntiriyazimiye, ahubwo abantu mu mvugo bahise barihuza n’irishya baranabicurika bibyara MDR-PARMEHUTU. Nyamara izina “officiel” guhera muri 1960 ni MDR.

Ishyaka UNAR



Ryavutse taliki ya **3 Nzeri 1959**, ryitwa L'Union Nationale Rwandaise, riyobowe na François RUKÉBA.

Reka noneho turebe igitandukanya Ubwami na Repbulika ishingiyeye kuri demokarasi, biradufasha kumva aho UNAR na MDR-Parmehutu zari zitaniye. Iyi mirongo ibiri ya politiki wayirebera ku bintu byinshi ariko turafatamo bitatu by'ingenzi biranga amashyamba muri rusange:

- (1) icyo rigamije;
- (2) Abo ryubakiyeho
- (3) icyerekezo cya sosiyete riharanira.

	Repubulika ishingiyeye kuri demokarasi: Umurongo wa MDR-Parmehutu	Ubwami: Umurongo wa UNAR
Icyo rigamije.	Kurwanira ishyamba ibitekerezo.	Kurwanira ishyamba ibitekerezo.
Abo ryubakiyeho.	Ishyamba ryubakiye ku mbaraga za rubanda rugufi (parti populaire).	Ishyamba ryubakiye kuri bake bifite (parti d'élite).
Icyerekezo cya sosiyete riharanira.	Ubutegetsi butangwa.	Ubutegetsi butunzwe.
	Ubutegetsi bufunguriye bese.	Ubutegetsi bufite ba nyirabwo.
	Isaranganwa ry'ibyiza by'igihugu ryubakiye ku nzego n'amategeko.	Ukwikubira ibyiza by'igihugu kubakiye kuri "kamere" n'umurage.

(1) Ku ngingo ya mbere, UNAR na MDR byari mahwi.

Bombi bwarwaniraga ishyaka ibitekerezo byabo. Ntibaharaniraga mbere na mbere imyanya mu butegetsi. Urwanira ishyaka ibitekerezo aba abikomeyeho, ku buryo unamubwiye ngo umuhe ubutegetsi ariko abizibukire, cyangwa se ubumuhe mu nzira zibonetse zose, atagukundira. Aha PARMEHUTU na UNAR zari zihahuriye. Buri shyaka ryari rifite umurongo wa politiki riharanira kandi ridakozwa ibyo kuwutatira. Iyo MDR-Parmehutu iza kuba iharanira imyanya mu butegetsi, byari korohere Umwami kuyitamika iyo myanya ubundi bakaruca bakarumira cyangwa bagacikamo ibice. Si ko byagenze.

UNAR na yo iyo iza kuba iharanira ubutegetsi, yari kujya mu matora, cyane ko, nk'uko Musenyeri Alexis Kagame abivuga mu gitabo cye¹, yari kwegukana amajwi atari make. Si ko byagenze rero. Ahubwo UNAR yahisemo kubitera umugongo (boicot) inashishikariza abayoboke bayo kutitabira amatora kuko yumvaga bihabanye n'umurongo wayo wa politiki.

Igikomeye ariko ni ukumva icyateraga aya mashyaka yombi kwitwara gutya.

PARMEHUTU ntiyahaniraga ubutegetsi. Yari izi ko umunsi rubanda bumvise umurongo wayo wa politiki, bakawibonamo, bazabuyiha ku mudendezo, kuko ari bo **ba nyirabwo.**

LUNARI ntiyahaniraga ubutegetsi kuko yari izi ko ari ubwayo, ko gutegeka biri muri kamere yayo. Ntawe uharanira ibiri ibye. Ibi biratugeza ku ngingo ya kabiri n'ya gatatu (abo ishyaka ryubakiyeho n'ishingiro ry'ubutegetsi).

(2) Ingingo ya kabiri ireberwaho amashyaka ni abo yubakiyeho.

MDR-Parmehutu yari ishyaka ryubakiye ku baturage baciye bugufi (parti populaire). Kuko rero abo ari bo bari benshi mu gihugu, ni ho havuye kwitwa **ishyaka rya rubanda nyamwinshi**. Yatangijwe n'abantu baciye bugufi, badasanzwe mu butegetsi, bityo rubanda rukabibonamo, kuko babaga basangiye "ukwigizwayo".

UNAR yo yarimo abatware n'abandi basanzwe mu butegetsi bwa cyami. Bari bafite amaboko yandi atari abaturage bato: icyubahiro, igitinyiro, intwari, ubukungu, ubuhake n'amateka. Ubutegetsi bari babusanganywe kandi bizeye kubugumana, kuko ingengabitekerezo ya cyami yigishaga ko **hari abavukiye gutegeka n'abavukiye kuyoboka. Ko igihugu kidashobora kubaho kidafite umwami.** Aha hatwumvisha impamvu UNAR yateye umugongo iby'amatora. Hari uwihuta akavuga ko UNAR yanze amatora kuko yanze kuyoborana cyangwa kuyoborwa n'Abahutu. Ni byo kandi si byo. Harimo akagobeko (c'est subtil). Ibaze nawe umaze imyaka 400 bakumvisha ko wavukiye gutegeka naho ba kanaka bakaba baravukiye kuyoboka, bwacya ngo jya gupiganirwa na bo ubutegetsi! Ari wowe se wafata kubyumva? UNAR yumvaga ari ugucurika ibintu.

Iyi ngingo y'abo amashyaka yubakiyeho yanadufasha kumva icyo benshi bibeshyaho ngo amashyaka **UNAR na MDR-Parmehutu yavanguraga amoko. Si byo.**

Ikiri ukuri ni uko muri UNAR hari higanjemo abatutsi, naho muri MDR-Parmehutu hakiganzamo Abahutu (rubanda rugufi). Nyamara ibi **ntibyaturutse ku bushake bwo kuvangura**. Byarikoze. MDR-Parmehutu yari ishyaka riharanira rubanda rugufi, kandi muri rwo abenshi bakaba abahutu. Nyamara ntiyangaga Abatutsi. Ubishidikanya azabaze impamvu Paul Kagame na Bernard Makuza ari ababyara. UNAR yari ishyaka ry'abari mu butegetsi bwa cyami kandi abenshi bakaba abatutsi, ariko yarimo n'abahutu. Ubishidikanya azabaze ba Rukeba, Michel Rwagasana n'abandi. Uyu Rwagasana yari umuvandimwe wa Gerigori Kayibanda kwa se wabo.

(3) Ingingo ya gatatu aya mashyaka atandukaniyeho ni icyerekezo cya sosiyete.

Nk'uko twabikomojeho, MDR-Parmehutu yaharaniraga Repubulika ishingiyeye kuri demokarasi. Iki cyerekezo cya sosiyete kirangwa n'uko **ubutegetsi butangwa**. Utegeka akaba azi ko ubutegetsi atari ubwe, ko yabuhawe, kuko ari ubw'abaturage, kandi ko bashobora kubumwaka bakabuha undi. Ubu butegetsi rero buba bufunguriye bose.

Ku rundi ruhande, UNAR yari igizwe n'abasanganwe ubutegetsi kandi bazi ko ari cyo bavukiye (gutegeka). Iyi myumvire tuyisanga n'ahandi ku isi. **Utegeka akaba azi ko ubutegetsi abutunze**. Ashobora kuba yarabuvukanye (umwami), yaraburazwe (igikomangoma), cyangwa yarabufashe ku ngufu (umusirikari). Ni yo mpamvu buba bugomba kugarukira ku babutunze. Kuri ba nyirabwo. Undi se yavuga ko abushaka nka nde? Aha haratwumvisha nyine impamvu UNAR yirinze kujya mu mahiganwa y'amatora. **Abari bayigize bari barabyirutse bazi ko ubutegetsi ari ingarigari yabo**. Byari bigoye kubumvisha ko bajya kubupiganirwa. Kandi nta wabarenganya, koko se hari upiganirwa ibiri ibye? icyo batamenye ni uko ibihe byari byarahindutse!

Imirongo ya politiki ya MDR na UNAR yaranyuranyaga na none ku cyashingirwaho mu kugira uruhare ku byiza by'igihugu.

Umurongo wa MDR washakaga isaranganywa rishingiyeye ku burunganire bw'abenegihugu bose (égalité) no ku rwego rwa buri wese (mérite). Mbese hakabaho amategeko agena icyo buri wese afitiye uburenganzira. Iri ni ryo shingiro rya Repubulika na demokarasi.

Ku rundi ruhande, umurongo w'ubwami UNAR yarwaniraga, uvuga ko uburenganzira bukwiye gushingira ku cyo abawushyigikiye baba bita "kamere"(statu quo). Ni ukuvuga ngo ibintu tubirekere uko biri, ni ko Imana yabishatse. **Yashatse ko bamwe bavuka ari abatware, abandi bakaba abagaragu**. Biri muri kamere. Kubihindagura bikaba ugucurika ibintu. Abatware nibakomeze bayobore kandi bayobokwe kuko ni cyo bavukiye. Abandi nibakomeze bayoboze kandi bahakwe kuko ni cyo bavukiye, bizahore bityo imitaga itazima izuba.

IV. N'UBU RUKIGERETSE.

Iyi mirongo ibiri ya politiki iracyageretse kugeza magingo aya mu Rwanda.


Kuba FPR ari UNAR NSHYA byo si umugani.

Mwibuke ko mu ntangiro zayo yitwaga RANU, ni ukuvuga UNAR mu mpine y'icyongereza. Gusa rero uko gusa no gusabirana ntibyagarukiye mu mazina gusa. Witegereje ibikorwa usanga ari wa murongo wa UNAR ukomeje....

UMURONGO WA LUNARI N'UWA PARMEHUTU :

N'UBU RURACYAGERETSE !

Parution: Wednesday 9 October 2013
Par:Edmond Munyagaju



Lors de la proclamation de la République, le 28 janvier 1961. Au centre, M. Kayibanda, Président du parti Parmehutu. A sa droite, M. V. Kayuku. A sa gauche, MM. D. Mbonyumutwa et B. Bicamumpaka. (Photo Infor Rwanda).

[Mu isesengura ry'ubushize](#) twabonye uburyo kamere ya politiki ituma hafi ya hose mu bihugu haba imirongo ya politiki ibiri y'ingenzi ihanganye. Ibi biterwa n'uko abantu bashaka guhuza imbaraga, buri wese akiyunga n'abo begeranye mu bitekerezo. Kugira ngo na none abantu

bishyire hamwe, bisaba ko buri wese agira icyo yigomwa. Ibyo rero bituma imyumvire yari itatanye mu ntangiriro, igenda yejyera, ikaza kwibumbira mu mirongo ibiri minini. Hari impamvu ikomeye rero ituma haba imirongo ibiri, ntiha itatu cyangwa ine. Ni impamvu ishingiyeye ku kibere. Iyo abantu biyejyereye ngo baronke ingufu, buri tsinda riba riharanira kuba irya mbere. Ayo mahirwe yo kuba imbere agenda yiyongera uko amatsinda aba make, akagenda ayoyoka uko amatsinda aba menshi. Dufate urugero rw'igihugu kirimo ibyerekezo bine bya politiki: A, B, C, D. Kuko bese baba ari cyo bagendereye, buri murongo wa politiki waba ufite amahirwe angana na 25% yo gutsimbura abandi ukajya imbere. Nyamara hagize babiri muri bo bihuza, hasigara amatsinda atatu, ya mahirwe yo kuba uwa mbere akazamuka akagera kuri 33%. Hagize abandi babiri bihuza, ya mahirwe agera kuri 50%. Aha rero ni ho hari ipfundo rituma henshi haba imirongo ibiri ya politiki.

Ujya muri politiki ntabwo aba afite gusa umugambi wo kugera ku butegetsi. Aba anifuzaga kuburambaho igihe kinini gishoboka. Aha rero ni ho demokarasi itandukanira n'izindi nzira. Abanyagitugu bafata ubutegetsi bakaburambaho ku ruhembe rw'umuheto. Mu bya cyami ho bubakira ingengabitekerezo ko ngo nta wundi wayobora usibye abavukanye ubwo butore. Muri demokarasi ni ibindi. Utinda ku butegetsi igihe cyose ba nyirabwo (abaturage) bakibugutije. Ndetse n'iyi rubanda yaba igukunze cyane bakugenera umubare wa "Manda" udashobora kurenza.

Muri demokarasi rero, igipimo cy'amajwi gitanga icyo cyizere ni 50% n'imisago. Iyo ufite muri za 40%, ushobora gutegeka kuko uba warushije abandi. Amajwi asigaye n'ubwo aba ari menshi (60%) ariko aba atatanye. Nyamara rero ntiwabyizera, kuko bashoboye kwishyira hamwe, bahita bagira 60% bakaguhigika. Ni yo mpamvu iri rushanwa ry'ubutegetsi muri demokarasi riganisha kuri 50%, kuko buri wese aba azi ko narenzaho na 0,1% azatengamara, kuko abasigaye bese, n'aho bakwiyunga batamutsimbura. Ubu bushake bwo kwegera 50% rero butuma abantu bagenda biyejyereye bikarangira bibumbiye mu bice bibiri bihanganye. Amashyamba asigaye na yo yireba ahereye kuri iyi mirongo yombi, hakaba abo byitwaga ko bayikuririza, abandi bakavugwaga ko bayoroshya. Ni ho haturuka ibyo twumva ngo Centre-Gauche (koroshya) cyangwa ngo Extrême-Droite (gukabya).

N'iwacu mu Rwanda ni uko byagenze. Ibitekerezo bya politiki byagiye byiyegeranye kugera hasigaye ya mirongo ibiri gusa: uwa repubulika ishingiyeye kuri demokarasi (wabimburiwe na MDR-PARMEHUTU) n'uwa gihake ishingiyeye ku murage n'amateka (wabimburiwe na UNAR). N'ubu rukigeretse. Amashyamba yacu wayarebera muri iyi mirongo yombi. Gusa na none, birashoboka ko hagira ayitarura ho gato, amwe akayikabiriza (Extrême), andi akayoroshya (Centre). Ariko murabona nyine ko na yo ari ya mirongo yombi aba yubakiyeho.

I. UKO IYO MIRONGO YOMBI IHAGAZE MURI IKI GIHE CYACU.

1. Umurongo wa UNAR.

Kuba FPR ari UNAR y'ubu byo si umugani. Mwibuke ko mu ntangiro zayo yitwaga RANU, ni ukuvugaga UNAR mu mpine y'icyongereza. Gusa rero uko gusa no gusabirana ntibyagarukiye mu mazina gusa. Witegereje ibikorwa, usanga ari wa murongo wa UNAR ukomeje. FPR kimwe na UNAR irwanira ishyamba ibitekerezo.


Icyamba mbere FPR yashakaga si imyanya mu butegetsu.

Iyo FPR iza kuba igenzwa n'imyanya, i Arusha bari bayihaye irenze iyo yari ikwiye, yari gutuza. Gusa ibi byari bihabanye n'umurongo wayo wa politiki wo kumva **ko ubutegetsu bufite ba nyirabwo: Indobanure zo muri FPR.** Ni yo mpamvu FPR yakomeje intambara kugeza ibufashe bwose. Yanze gutatira wa murongo w'uko **hari abavukiye gutegeka n'abavukiye guhakwa.** Iyo Kagame avuze ngo "twatakaje imyaka 30" ni ho aba yerekeza. Ni ukuvuga ngo Repubulika ya mbere n'ya kabiri zabaye icyuho, kuko **ubutegetsu bwari mu maboko y'abatabugenewe.**

Muzumve amadisikuru y'ubu: u Rwanda rwabayeho kugeza 1959, hacamo icyuho cya jenocide yamaze imyaka 30 (Repubulika ya mbere n'ya kabiri), rwongera kubaho FPR ifashe ubutegetsu. Igisekeje ni uko ibi Kagame abivugira kuri Stade Amahoro atubatse, akabivuga aturutse mu Rugwiro atubatse, ari butahe mu Kiyovu atubatse n'ibindi. Ibyakozwe byose kuri repubulika ya mbere n'ya kabiri bisa n'ibitabaho kuko nyine byakozwe n'abatagenewe kugira ubutegetsu. Kuri FPR, mu Rwanda ubutegetsu bufite ba nyirabwo. **Si ubutegetsu butangwa, ni ubutegetsu butunzwe.** Ni yo mpamvu yanze kubusangira n'abandi. Ibyo ntibivuguruzanya no kuba nyuma yo kubufata igenda ibukeberaho abo ishatse n'igihe ishakiye. Na ba Rwarakabije yarabakebeye. Gusa ibakebera izi, na bo bazi, ko ari ubwayo, bakagomba kwitwararika no kuyoboka. Ingaruka y'iyi myumvire ni uko ushaka kugira ijamba mu gihugu cye agomba kubanza **GUHAKWA** ngo arihabwe, kuko rifite ba nyiraryo. Ngako akagobeko ko "kwihesha agaciro". Iyo wumvise uku kuri, uba ubaye umuntu. N'iyu wari ufite "mandant d'arrêt" ukurikiranwemo jenocide nka Rwigema Pierre Céléstin, bayigukuriraho, ugataha, babona uyoboka neza bakakugabira akanya. Naho iyo ugize uti nanjye ndi umwenehugu ugashaka kwiha ijamba, FPR ikubika hamwe na ba Victoire, Mushayidi na Ntaganda, iyo ugize amahirwe ntigukurikize ba Rwisereka.

Aha kabiri FPR ibera umushibuka wa UNAR ni ku bo yubakiyeho.

N'ubwo ishuka abantu ngo abaturage bayikunda kurusha uko bikunda, n'umwana icyo nticyamufata. Ntiwaba wubakiye ku baturage ngo ujye kubabyutsa saa cyenda z'ijoro n'imbunda ugira ngo ubatoreshe ku ngufu indorerezi zitarahasesekara. Ntiwaba wubakiye ku baturage ngo ubavune ibikumwe ubatoresha ku ngufu, uwo badashaka. Ntiwaba wubakiye ku baturage ngo amajwi yabo uyate mu misarani. Ntiwaba wubakiye ku baturage ngo nyuma y'imyaka 19 intambara irangiye, ube ukibacungisha imbunda kugera muri nyumbakumi (positions z'abasirikari hose, lokodifensi, inkeregutabara n'ibindi). FPR yubakiye by'ukuri ku ndobanure nke. Abandi ni ugukurikira.



Ikindi kirimo kwigaragaza cyane muri iyi minsi ni **“ukwikubira”** ibyiza by’igihugu. FPR ikomereje aho UNAR yari igereje. Kera inka zari iz’umwami none zagiye muri Girinka(FPR). Ntiwayigurisha udahawe umuriro (uruhusa). Ubutaka ntibukiri ubw’abaturage ngo bwabaye ubwa leta (FPR). Ibishanga ni uko.Uhinze ibidategetswe waba uhungabanyije umudendezo wa leta (FPR). Usaruye ikigori mu byo bagutegetse guhinga ukagaburira abana, ngo uba ukomye gahunda za leta (FPR) mu nkokora. Gutwara taxi byeguriwe abifite (FPR). Ntibitangaje kuba FPR iri mu mashyaka akize ku isi. Kera igihugu cyose cyari icy’umwami, none ubu cyose cyahindutse icya FPR. icyo dusigaranye umwami mushya atarafata ni abagore. Ubanza na bwo biterwa no gutinya kwirahuriraho amakara kuko n’ababo babananiye. Umunsi umwe tuzakanguka dusange hatowe itegeko ko abagore bari abacu bahindutse aba leta (FPR) !

Ivangura riragenda rikagera hose. Mu bintu byose usangamo gahunda ebyiri: ireba rubanda rwa giseseka, n’ireba indobanure zo mu butegetsi. Ngo abana ba rubanda nibajye biga mu zuba ryo mu mpeshyi, nyamara ab’indobanure za FPR biga Green Hills baruhuka Nyakanga na Kanama. Ngo abana ba rubanda nibige ku ngufu mu cyongereza (n’abigisha ntacyo bazi), nyamara muri Green Hills hari ishami ryiga kandi ryigisha mu gifaransa... Ngo Bourses zivuyeho ku bana ba rubanda, nyamara ab’indobanure bararihirwa ibya mirenge mu mahanga... Ni byinshi byerekana ko FPR na yo ifata abanyarwanda mu byiciro. Hakaba abavukanye uburenganzira n’abagomba kubusaba bagategereza kubuhabwa; hakaba abavukanye impagarike n’abavukanye inenge ngo yitwa ingengabitekerezo...ngayo nguko.

2. Umurongo wa MDR-PARMEHUTU.

Umurongo wa politiki wabimburiwe na MDR-PARMEHUTU na wo ntiwazimye: **Ubutegetsi ntawe ubuvukana butangwa na rubanda, ikabuha umwegihugu yishakiye hadashingiwe ku mavuko no ku bukire. Abenegihugu bose bararushya, nta wavukiye guhaka, ngo undi avukire guhakwa.**



[Mu matora ya Kamarampaka yabaye le 25/9/1961 :](#)

[Rubanda yasezereye Karinga n'izayo ihitamo ubutegetsi bwa Repubulika ishingiyeye kuri Demokarasi.](#)

Uyu murongo wa Parmehutu ntaho wagiye. Ubizi kuturusha ni UNAR/FPR banyeye bahanganye. Mu mikorere yayo, FPR ihora yikanga umurongo wa politiki wa Parmehutu ikawuhaza mu ngororero (target). Ingororero cyari igiti bashingagaho intobo bitoza kumasha. Gufora umuheto rero babyitaga kugorora. Aha ni ho haturuka ijamba ingororero. FPR na yo rero ihoza MDR-PARMEHUTU mu ngororero. Mwumvise mu minsi ishize abacurabwenge bayo bateza ubwega ko bamaze kuvumbura bidasubirwaho ishyaka ricumbikiye PARMEHUTU y'ubu. Uku ni ko umucurabwenge wayo Tom Ndahiro abisobanura (mwihangane nimubona hari aho bitumvikana si amakosa yanjye. Imyandikire n'ubuhanga bwa Tom murabizi. Gusa nahisemo kubyandukurana n'amakosa yabyo ngo nubahe ibitekerezo by'undi harimo n'uburenganzira bwe bwo kwibeshya):

“Amateka ariyanditse Bucyana Maritini abonye umusimbura. Uwo si undi ni Thomas Nahimana washinze ishyaka rye “Ishyaka/Parti Ishema—IshemaParty.” Ab'ingezi muri iryo shyaka ni aba: Padiri Thomas Nahimana, Mme Nadine Claire Kasinge, Bwana Jean Baptiste Kabanda, Dr. Deogratias Basesayabo, Bwana Chaste Gahunde, Dr, Joseph Nkusi, Bwana Venant Nkurunziza na Bwana Ernest NSENGA... Muri iryo tangazo biyerekanaga ko baharanira amahoro. Ariko imvugo ikoresheye ikomoka mu [ijamba ryavuzwe na Geregori Kayibanda ku itariki ya 10 Mata 1994](#). (Soma [Kangura N0 40-Gashyantare 1993](#)). Ibyanditse mu itangazo ry'ishyaka rya Padiri, usanga igitekerezo ari icya CDR n'abambari bayo. Ku rupapuro rwa mbere [KANGURA N0 51](#) handitse ngo: “ABATUTSI BAKWIYE KURYOZWA IBY'INTAMBARA” ku urwa nyuma hari ifoto ya Bucyana Martini wari Perezida wa CDR muni

y'ifoto ye handitse ngo: "ISHYAKA RYACU NIRYO RITEZWEHO GUKIZA RUBANDA, NIRYO RISHYAMIRANYE N'ARI KU BUTEGETSI. icyo kinyamakuru ni icyo mu Ukwakira 1993. Mu itangazo rya Padiri Nahimana n'abo ayobora, ntibagaragaza Ku urupapuro rwa 3 rw'icyo kinyamakuru Kangura, hari inyandiko ifite umutwe: "**KWITWA UMUPARMEHUTU SI IGISEBO NI ISHEMA**". Iryo zina ISHEMA rishyizwe ahagaragara kuli 28 Mutarama 2013 rifite icyo riganishaho. PARMEHUTU yakoreye kudeta i Gitarama kuli 28 Mutarama 1961. Ishema ryayo rivukiye i Paris, France nyuma y'imyaka 52. Ni **amateke** reka dutegereze".

<http://umuvugizi.wordpress.com/2013/01/29/hutu-power-mu-birindiro-i-paris/#more-1809>

Kubera amakosa menshi n'akajagari k'ibitekerezo, ntibyoroshye guhandura ubutumwa burimo. Reka ariko ngerageze n'ubwo ari nko guhinga umushike.

Muri make uyu mucurabwenge wa FPR akaba n'umwiru mukuru kwa Kagame (umujoyanama) aragira ati:

1. Amateka arongeye yisubiyemo. **Ishema rya Parmehutu rivukiye i Paris.**
2. Ishyaka Ishema ryavutse taliki ya 28 Mutarama, itariki yibukwaho Kongere y'i Gitarama ubwo MDR-PARMEHUTU yahirikaga ingoma ya Cyami igakoma imbarutso y'ugutsindwa kwa LUNARI.
3. Ishyaka Ishema riri mu murongo wa PARMEHUTU ya Grégoire Kayibanda. N'ubwo rigaragaza ko riharanira amahoro, imvugo yabo ikomoka kuri Grégoire Kayibanda.
4. Abashinze iri shyaka nta bwoba batewe no kwitwa Abaparmehutu (kuri bo si igisebo ahubwo ni ISHEMA).
5. Aya ni amateka abanyarwanda bakwiye gukurikiranira hafi.

Ubundi iyi nkundura yaherukaga gukariha muri 2003 ubwo FPR yari yanzikiye gusesa MDR. Nyuma byabaye nk'ibitujye. Ubanza FPR yarumvaga PARMEHUTU yarapfuye buhambe. Ubu ariko itangiye kumva ko itanogonotse. None Tom ati "Ishema rya Parmehutu rivukiye i Paris". Usibye no guteza ubwega ngo PARMEHUTU yazukiye mu Ishema, FPR izi ko umurongo wa politiki udapfa. Kuba kuva MDR yaseswa muri 2003 nta shyaka ryari rihagarariye umurongo wayo wa politiki, ntibivuze ko ibitekerezo wubakiyeho byari byarapfuye. Ibitekerezo ntibipfa, hapfa ba nyirabyo. Ndacyafite amatsiko yo kumenya uko abayobozi b'Ishyaka Ishema bakiriye iri sesengura rya FPR. Biramutse ari byo, politiki y'u Rwanda yaba iteye indi ntambwe. Ibintu byaba bibaye nk'ibindi umugani w'abiru. Ibi ndetse biduhaye akanya ko gusesengura isano iri hagati y'iriya mirongo ibiri yaranze politiki y'u Rwanda n'amashyaka agenda avuka ayishamikiyeho.

II. IBISA BIDASABIRANA N'IBISABIRANA BIDASA.

1. UNAR NA FPR

Mu isesengura rishize twagarutse ku ngingo yo kutitiranya izina ry'ishyaka n'umurongo waryo wa politiki. Koko rero ntibihagije kubona izina ngo wemeze ko ishyaka iri n'iri rifite umurongo runaka. Ahubwo ushingira ku bitekerezo bya politiki rishyize imbere. Bifasha umuntu kumenya ibisa by'ukuri. Twabonye uburyo FPR ari UNAR y'ubu. Ibi byo birosbye kuko FPR yatangiye yitwa RANU (UNAR mu cyongereza). Nyamara rero hari aho bidahuza. N'ubwo biharanira umurongo umwe wa politiki, hari aho bitandukaniye. Iyo UNAR yemezaga ko hari abavukiye gutegeka n'abavukiye gutegekwa, **yabikoraga nta buryarya. Ni ho imyumvire yari igeze.** Usibye n'abatware bari mu butegetsi, hari na benshi muri rubanda babyumvaga batyo. Turamutse dushingiye ku myumvire y'ubu y'uko abantu bavuka bareshya mu burenganzira, maze tugacira UNAR urubanza rukakaye, twaba tuyirenganyije. Mu gihe cyayo yumvaga iri mu kuri. Si ko bimeze ubu kuri FPR. Ukurikije aho imyumvire igeze ku isi hose no mu Rwanda, kuba FPR ivangura abanyarwanda ni umugambi uteguye, wubakiye ku bushake bwo guhigika bamwe ugatonesha abandi. Aha rero ni aha mbere FPR itandukaniye na UNAR. Kuri iki, uwashinja FPR ubugome ntiyaba arengereye.

Byaba n'isesengura ryiza umuntu yibajije impamvu FPR, imaze gufata ubutegetsi, itacyuye wa "mwami" UNAR yarwaniraga ishyaka. Igisubizo twagishakira mu nzira ebyiri.

Ku ruhande rumwe, igikuru si umwami, si n'ubwami, ni ingengabitekerezo (idéologie) byubakiyeho, **imwe ya gihake** (ko bamwe bavukiye gutegeka abandi bakavukira guhakwa). FPR rero yafashe icyo kiri ingenzi (**wa murongo wa politiki ko ngo ubutegetsi bufite ba nyirabwo**) ibindi ntacyo byari biyunguye.

Ku rundi ruhande ndetse, ishobora kuba yaranze kwikururira ibintu byamaze guta imitemeri. Erega maye iby'umwami hashize igihe kirekire imbwa zarabirwaniyemo. Abatabizi reka mbibutse ko umwami wa nyuma w'u Rwanda yatanze tariki 25 nyakanga 1957. Kuva icyo gihe, nta mwami wongeye kubaho. Nimumbaze rero muti uyu Ndahindurwa akaba iki? Igisubizo: ntiyigeze aba umwami. Umwami yabaga we kuva ku munsu yimitsweho, hashingiwe ku nzira yabugenewe mu muco nyarwanda.

Abasomye ibisobanuro byanditswe na Alexis Kagame (umwiru mukuru wagombaga kumwimika) muzi ko **Ndahindurwa atigeze yimikwa,** kuko byananiranye kumvikana ku buryo bwari gukoreshwa mu mihango yo kwimika. Ngo bahisemo ko **arahira.** Nyumvira nawe ! Nk'uwuhe mwami wundi se muzi wabaye we binyuze mu ndahiro? Iyo ndahiro se yari iteganyijwe he mu nzira tuzi z'ubwiru? Ku muntu wumva ubwami icyo bwari cyo n'uko bwakoraga, kuvuga "umwami warahiye" birashekeje. Ni nko kuvuga "imbeho ishyushye" cyangwa "ikimasa gihaka". Kagame Alexis, nk'umwiru uzi ibintu, iyo usomye uburyo avuga ibi byo kurahira, ubona ko na we mu gihe yabyandikaga ibitwenge byari byamwishe: abyita "**comédie supplémentaire**" (Kagame, A., *Un abrégé de l'Histoire du Rwanda, de 1853 à 1972*, Butare: EUR, p. 266). Ubusanzwe umuragwa yabaga umwami umunsu yimitsweho bikurikije inzira ya kane y'ubwiru ari yo Nzira y'Ubwimika. Ibindi ni urwenya. Cyakora birashimisha iyo ubonye abantu batakirwambaye ngo baraharanira gucyura umwami. Abanyarwanda rwose tugira amashyengo! Nibacyure simbabujije. icyaruta ariko, byibuze bazadutumire **babanze bamwimike.** Ikindi bashobora gukora, ni ukutubwira ko bavumbuye inzira nshya ya **18** (ubusanzwe ubwiru bugira inzira **17**). Bashobora kuyita Inzira y'Irahira, noneho bakatubwira ko ari yo Ndahindurwa yanyuzemo aba umwami. Cyakoze na none iby'iyi nkubiri ngo yo gucyura "umwami" hari icyo mbona bimaze. Byibuze bitanga gihamba ko burya imigani y'abanyarwanda igana akariho, nka wa wundi ugira uti "nta kigozi kibura icyo kizirika icyo kikiri kibisi".

2. MDR 59 NA MDR 91

Reka tunakomoze gato ku isano iri hagati ya MDR-PARMEHUTU yo muri za 59 na MDR yo muri za 91. Ni kenshi twumva abanenga MDR yo muri 91 ko ngo yatatiye igihango, ko ngo yagambanye umunsi yifatanyije na FPR mu kurwanya Habyarimana, no kwemera kujya muri guverinoma FPR imaze kwifatira ubutegetsu ku ngufu, n'ibindi. Abavuga ibyo babiterwa no kumva ko, ukurikije uriya murongo wa politiki wa MDR-PARMEHUTU 59, ari ishyano ko MDR 91 yiyunga na UNAR nshya ari yo FPR. Mu by'ukuri si byo. Kutumva itandukanirwo hagati y'izi za MDR zombi bishobora gutuma dushinja **MDR 91** amakosa itakoze.

Kuba amazina yombi asa bishobora kutuyobya tukibagirwa ko MDR 59 na MDR 91 **byari bitandukaniye ku kintu cy'ingenzi**. MDR 59 yarwaniraga ishyaka umurongo w'ibitekerezo. MDR 91 yarwaniraga imyanya mu butegetsu. Nerekanye uburyo kutarwanira imyanya byatumye MDR 59 idacikamo ibice kandi ntiyigurishe ku Mwami. MDR 91 yo ni ko byayigendekeye. Yari igendereye imyanya, biyitera kwigurisha iburyo n'ibumoso. Uko kurwanira imyanya kwabaye intandaro yo gucikamo ibice, kuko abenyegezaga ku mpande zose byaraborohereye. Ngiyo MDR-Power, ngiyo MDR-Jogi, n'ibindi. Uku gucikamo ibice kwarayikurikiranye na nyuma ya 94. Muribuka umurava bamwe mu bari bayigize bagaragaje mu iseswa ryayo. Utabyibuka yabaza Safari Stanley na bagenzi be.

Nk'ishyaka rirwanira imyanya mu butegetsu ridashyize imbere umurongo wa politiki, kuba MDR 91 yarafatanyije na FPR ntibitangaje, nta n'ikosa ririmo. Iyo ushaka imyanya uyishakira ahashoboka hose no mu nzira zose. Igikuru ni ukubona icyo ushaka. Bagomba kuba baribwiraga bati reka FPR idufashe kugamburuzwa Habyarimana, tuzayikubita icenga tuyigobotore, cyangwa tuyereke igihandure mu matora. Basanze ibarusha imitego ibyungukiramo bo barahomba. Nka ya ndirimbo ngo "ndangura mpendwa ngacuruza mpomba". Gusa MDR 91 nta wayitera ibuye, ku isi hose amashyaka arwanira imyanya mu butegetsu adashyize imbere umurongo w'ibitekerezo ni kuriya abigenza. Akadakora umwe ntikica ubukwe.

Dukurikije iriya mirongo ibiri ya politiki n'ibiyitandukanya, iyo MDR 91 iza kuba irwanira ishyaka umurongo wa politiki nka wa wundi wa MDR 59, ntibyashobokaga na gato "**gukorana byahafi**"(coalition) na FPR, kuko bari kuba bari mu byerekezo bihabanye kandi bihanganye. Ni imirongo igoye guhuza. Ngo "Bigirankana bya Nirwange yasomeje amata amatezako ati ibitajyanye ni ibi"! Nta hantu na hamwe wahuriza umurongo wa Repubulika ishingiyeye kuri Demokarasi (ubutegetsu bwa rubanda) , n'umurongo w'ubuhake bushingiyeye ku bisekuru. Uko kuba mu byerekezo bivuguruzanya bituma nta hantu mwahera mufatanyaga bya hafi. Iyo uharanira umwe muri iyi mirongo, kimwe mu byo uba ugamije ni ukuzibira urwanira undi umurongo ngo adafata ubutegetsu. Kuba rero MDR 91 yo yarashoboye kwibona muri **gahunda za FPR** birumvikana. Nta wavuga rero ko MDR 91 yagambaniye wa umurongo wa politiki wa MDR 59. **Ntawo yagiraga**. Yari ishyaka rishaka imyanya mu butegetsu, mu nzira zose. Ngo imbeba yakurikiye akaryoshye mu nsi y'ibuye ihakura inda y'akabati. Ikindi kimenyetso gishobora kuzadufasha muri iki cyerekezo, ni ugucukumbura icyo FPR yapfuye na ba Gapyisi igahitamo kubakuraho. None wasanga hari icyo FPR yumvikanyeho n'abandi uyu we akayitera utwatsi! Abacukumbura muzarebe aha, hapfunditse ibanga. But that is another story!

Ubutaha tuzafatanyaga kureba uko amashyaka y'ubu ahagaze ushingiyeye kuri iriya mirongo iranga politiki y'u Rwanda, ingaruka bifite ku cyifuzo cyo **guhuza "opposition"**, n'izo bishobora kugira ku ihinduka ry'ubutegetsu.

KWIYUBAKA KWA OPPOSITION ISHINGIYE KU MIRONGO YA POLITIKI.



Tumaze iminsi dusesengurira hamwe uburyo pilitiki y' u Rwanda, kugeza ubu, yiyubatse mu mirongo ibiri ihanganye: **uwa repbulika** ishingiyeye kuri demokarasi, **n'uwa gihake** ishingiyeye ku bisekuru n'umurage. Uyu munsu rero ndagira ngo twanzure turebera hamwe ingaruka bifite ku cyifuzo bamwe bakunze kugarukaho cyo kubaka "opposition" ishyize hamwe. Mbere yo gutangira ariko, reka twibutse mu magambo make bimwe mu byo twibanzeho biri budufashe muri uyu murimo. Kimwe mu byo twibanzeho ni ugutandukanya imitwe ya politiki mu bice bibiri: twabonye ko habaho imitwe ya politiki irwanira ishyaka umurongo w'ibitekerezo, hakabaho n'indi ishyaka imyanya mu butegegi. Aha rero haradufasha kureba icyo guhuza amashyaka ya opposition bitanga.

I. Inzira eshatu zo gukorera hamwe n'umusaruro zitanga.

Nk'uko twabigarutseho kenshi, abantu bishyira hamwe baba bafite ikibahuza. Bashobora guhuzwa n'umurongo wa politiki basangiye, cyangwa bagahuzwa no gushyamba imyanya mu butegegi. Muri rusange bitanga iyi foto:

1. Iyo amashyaka abiri cyangwa menshi ahuje umurongo wa politiki yishyize hamwe, abyara umutwe ukomeye kurushaho.
2. Iyo ishyamba rishyize imbere umurongo wa politiki riyunze n'irindi riharanira imyanya, irirwanira umurongo wa politiki rirushaho gukomera, naho irirwanira imyanya rigasubira inyuma (akenshi ricikamo ibice ndetse rigatakaza abayoboke).
3. Iyo amashyaka abiri aharanira imyanya yishyize hamwe, iyo imyanya ashobora kuyibona, ariko ntacyo biyongerera mu gukomera. Cyakoze akenshi arangiza abishwaniyemo, kuko buri wese hari aho agera agakurura yishyira.

Ushishoza arabona ko muri ibi byiciro hari ikiburamo. Ntituvuze icyo byatanga amashyaka abiri afite ibyerekezo bya politiki binyuranye aramutse yishyize hamwe. Impamvu iki cyiciro tutagishyizemo, ni uko ubusanzwe **bidashoboka**. Kuko nyine aba aharanira ibyerekezo binyuranye, ntiyashobora kwishyira hamwe. Iyo bibaye, hari rimwe riba ryahisemo **kuzibukira ibitekerezo ryarwaniraga** rikurikiranye imyanya mu butegetsi. Ibi rero bihita bigwa mu cyiciro cya kabiri. Rihatakariza abayoboke ndetse akenshi rigacikamo ibice. Inzira ya gatatu yo ntituri buyitindeho. Ibyo kurwanira imyanya biba iyo abantu bari mu ruhando rw'amatora. Si ko rero bimeze ku mashyaka ya opposition. Umunsi yinjiye mu matora, tuzareba icyo bitanga. Reka ahubwo dutange ingero za ziriya nzira ebyiri zibanza.

1. Inzira ya mbere: Iyo amashyaka ahuje umurungo wa politiki yishyize hamwe cyangwa agakorana, abyara umutwe ukomeye kurushaho.

Urugero rw'iki cyiciro cya mbere umuntu yarurebera mu ivuka ry'ishyaka FDU-Inkingi. Nk'uko n'izina ryaryo ribigenura, ni urwunge rw'amashyaka menshi aharanira demokarasi. Ryashinzwe tariki 29 Mata 2006 ubwo amashyaka atatu yiyemezaga gushyira hamwe. Ayo ni Alliance Démocratique Rwandais (ADR-Isangano), Forces pour la Résistance Démocratique (FRD) na Union des Forces Démocratiques Rwandaises (UFDR). Mu mateka ya politiki y'u Rwanda, ni cyo cyitegererezo cya mbere twagize cy'amashyaka anyuranye yishyira hamwe. Uku kwishyira hamwe ni ko kwabyaye umutwe ufite ingufu nka FDU-Inkingi. Izi ngufu zigagarira mu kuba ari ryo shyaka rya mbere ryateye intambwe ifatika mu guhindura politiki y' u Rwanda: Kohereza Umukuru w'aryo Victoire Ingabire kujya gukorera mu Rwanda. Mbere y'aha, utavugaga rumwe na leta wese yabanzaga gusohoka mu gihugu ngo abone kubumbura umunwa. N'ubwo abantu bashobora kurangara ibintu ntibabihagaciro kabyo, buriya Victoire Ingabire na Ntaganda bakoze amateka. Umwe yabaye uwa mbere wahisemo gutaha mu Rwanda agiye kubwira ubutegetsi ko hari ibyo bunengwa. Undi yabaye uwa mbere wabikoze adasohotse mu Rwanda. Ni intambwe ikomeye. Tugarutse kuri FDU-Inkingi, yatubera icyitegererezo cy'uburyo amashyaka yishyize hamwe ahuje icyarekezo yunguka ingufu. Gusa nk'uko tuza kubireba, iyi ntambwe hari aho yageze **iratsikira**.

2. Inzira ya kabiri: Iyo ishyaka rishyize imbere umurungo wa politiki riyunze n'irindi riharanira imyanya, irirwanira umurungo wa politiki rirushaho gukomera, naho irirwanira imyanya rigasubira inyuma.

Urugero rumwe rw'iki cyiciro cya kabiri twararubonye mu masesengura ashize. Twabonye uburyo MDR 91 yakurikiranye imyanya ikazibukira umurungo wa politiki wa MDR 59. Nk'uko ririya hame ribivugaga, MDR 91 yabanje gucikamo ibice, birangira isenyutse burundu. Naho FPR yo byayongereye imbaraga. Reka tunyarukire n'ahandi hatagira ukeka ko ari umwihariko wacu.

Mu Budage, ishyaka CDU rikuriwe na Angela Merkel muri uku kwa cyenda ryatsindiye manda ya gatatu. Ni ishyaka ryo muri wa murungo bita Droite. Kuko ariko ritigeze rigira ubwiganze busesuye bw'amajwi, manda ebyiri zishize ryagiye riyungaga n'abandi mu gushyiraho guverinoma. Muri 2005, CDU ryari ryagize amajwi 35,2% riyunze na SPD yari yagize amajwi 34,2%. Murabona ko banganyaga ingufu. Nyamara iyi SPD ni iyo mu murungo wundi bita Gauche. Bishatse kuvugaga ko iyi SPD yahigitse umurungo wayo wa politiki ikurikiranye imyanya. Mu matora akurikiyeho, yahise ihanantuka ibona 23%. Uku kwishyira hamwe n'abo badahuje na CDU byayigizeho ingaruka ariko kuri yo ntizakabije, kuko nk'ishyaka riri imbere mu matora, politiki zaryo ni zo zashyizwe mu bikorwa. Muri 2009 CDU yagize 33,8%. Mu gushyiraho guverinoma, yiyunze n'irindi shyaka na ryo ryo mu murungo wa Gauche ryitwa FDP, ryari ryagize 14,6%. Iri na ryo bivuze ko ryahisemo kuzibukira umurungo w'aryo wa politiki mu kwifatanya n'abo badahuje. Ryishakiraga imyanya. Ingaruka ni uko ejobundi, mu matora ya 2013, ryahanantutse rikagira 4,8%.

Ryatakaje hafi $\frac{3}{4}$ by'abayoboke baryo. Uku ni ko bigendekera ishyaka ryose riteshwa kubaka umurongo wa politiki rigahitamo kwikurikiranira imyanya. Ikindi cyagiye kiranga aya mashyaka ni ugucikamo. Koko rero hari bamwe mu bayobozi n'abayoboke bayo babaga bakomeye ku murongo wa politiki w'ishyaka, bakumva bidakwiye kuwugurana imyanya y'akanya gato.

Ibi rero tumaze kubona ahandi, no mu Rwanda ni uko. Dufashe urugero rw'aya mashyaka tubona mu Rwanda yiyunze na FPR n'ayikorera mu kwaha, ntibigoye kubona ko yamaze kuzima. Kandi ni byo dore amaze imyaka 19 atagira umurongo wa politiki, ahubwo abeshejweho no kugabana utwanya akuburirwa na FPR. Ndahamya ntashidikanya ko uwavanaho uyu mutaka bakoraniramo na FPR, ugafungura urubuga rw'amashyaka, aya yose nta n'iryageza ku ijwi 0,1%. No muri opposition wabiharebera. Gusa muri opposition biragoye kuko amashyaka dufite nta matora arajyamo ngo tubone ingaruka nziza cyangwa mbi zo kwishyira hamwe. Nyamara hari ingero zitanga icyitegererezo. Dufate urugero ruto ku byabaye muri FDU mu minsi ishize.



Victoire Ingabire

Abibuka neza, mwibaze igihe gucikamo ibice n'ubwumvikane buke byagiriye ahagaragara. Murasanga bihura na cya gihe hari impaka (wenda zitasohokaga hanze) zo guhitamo gukorana cyangwa kudakorana na RNC. N'izindi mpamvu ntizabura, ariko iki na cyo cyagizemo uruhare kandi birumvikana. Nitwegeranya amatariki y'ibintu binyuranye, biradufasha kubona isano bifatanye:

- Victoire Ingabire yatashye mu Rwanda tariki 17 mutarama 2010.

- RNC yavutse ku mugaragaro tariki 12 ukuboza 2010.
- Nyuma y'umubonano wabereye i Bruxelles (mu Bubiligi) ku wa 19 Ukuboza 2010, intumwa za Komite Nshyigikirabikorwa ya FDU-INKINGI zagiranye umwiherero n'intumwa z'IHURIRO NYARWANDA RNC (Rwanda National Congress) mu gihugu cy'u Busuwisi kuva ku wa 21 kugeza ku wa 25 Mutarama 2011, bagirana amasezerano y'ubufatanye.
- Muri uyu mwaka wa 2011 niho ubwumvikane buke mu bayobozi ba FDU-Inkingi bwagiye ahagaragara, buri gice gishinje ikindi gutandukira ku murongo n'amatwara y'ishyaka. Ntibyagarukiye aha kuko byanabyaye ubwumvikane buke hagati y'aya mashyaka yombi na CNR-Intwari yari isanzwe ifitanye ubufatanye na buri ryose ku ruhande rwaryo. Byarangiyeye CNR-Intwari ikuyemo akayo karengye.

Uwareba aya matariki hari ibintu bibiri agaragaza. icya mbere kiratangaje. Ni ukuba RNC yaragiranye amasezerano y'ubufatanye na FDU **nyuma y'ukwezi kumwe ivutse**. Ni nk'umwana wavutse nyuma y'ukwezi agashyirirwa. **Wagira ngo ni cyo RNC yari yavukiye**, kuko ari nka cyo gikorwa cya politiki cya mbere yakoze. Ikindi aya matariki agaragaza ni uko imishyikirano hagati y'abashinze RNC na FDU-Inkingi yari imaze igihe iba mu ibanga. Bitabaye byo, ntiwakumva ukuntu bateguye imishyikirano mu kwezi kumwe RNC yari imaze ivutse. Ibi rero byadufasha kumva ahaturutse ubwumvikane buke bwatumye Victoire agenda wenyine, abari bariyemeje kumuherekeza bakisubiraho. Ikibihamya ni uko ibice bibiri bitavuze rumwe ku itaha rya Victoire ari na byo nyuma byakomeje guterana amagambo ku bufatanye na RNC (ikiyobowe na Eugène Ndahayo n'ikiyobowe na Nkiko Nsengimana).

Aha rero rya hame rya kabiri ryarujwe. Iyo amashyaka adahuje icyerekezo cya politiki yishyize hamwe, rimwe rirahamembera irindi rikahungukira. Tumaze kureba uko FDU yahahombeye igatakaza bwa bumwe bwari bwarayiranzwe kuva 2006, igacikamo ibice, umuyobozi wayo akagenda nk'inkeho kandi atabuze ababo. Reka noneho twibaze icyo RNC yahungukiye. Igikuru ni uko ubufatanye na FDU bwatumye ibona aho yinjirira mu banyarwanda batuye mu mahanga. Yari imaze gushingwa n'abantu bari basanzwe ari ibigugu bya FPR. Ntibyoroshye rero kubona aho uhera urwanya cyangwa wamagana "système" wabereye umwubatsi mukuru. **Ryari ihurizo kubona aho bahera binjira mu ruhande rwa "opposition"**. FDU yababereye nk'umubyeyi wa batisimu wo kuberekana mu banyarwanda no kuvuga ngo "ntimwikange nta kibazo", "ni abacu", "na bo turatahiriza umugozo umwe" n'ibindi nk'ibyo. Aha hadufasha kumva impamvu ari cyo gikorwa abo muri RNC bihuriye nyuma y'ukwezi kumwe gusa umutwe wabo ugiye ahagaragara.

Tubaye rero nk'abanzura, biragaragara ko ubufatanye bwa RNC na FDU bwagiriye akamaro kanini RNC nyamara bugahungabanya FDU. Ni ko bigenda iteka. Amateka ahora yisubiramo. Ni na ko byagendekereye MDR 91. Nta gishya mu nsi y'ijuru! Iyo abantu bafatanyije urugendo bagana hamwe, biba ari mahire. Iyo babikoze batagana hamwe, umwe aba yayobye. Umurongo wa politiki rero ni wo ufasha abantu kubona ko berekeza hamwe, cyangwa ko inzira zabo amaherezo zizabyara amahari. Gusa aha nta wabura kwibaza impamvu abahuje umurongo wa politiki na bo bagira batya bakibyaramo amahari. Ni ikibazo umuntu atahigika. Uyu mwitoto turawukorera kuri FPR.

II. Ihurizo ryo gucikamo ibice no guta umurongo.

Nk'uko twabigarutseho, umurungo ni imyumvire y'aho abahuriye ku gikorwa cya politiki bifuzwa kwerekeza igihugu. Iyaba umurungo wa politiki wari nk'amafaranga, byajya bitworohera kwishyira hamwe no gutandukana. Mu kwishyira hamwe twajya duteranya, mu kwitandukanya tukagabana. Ibitekerezo bya politiki byo si ko bigenda. Ni na yo mpamvu iyo habaye gucikamo ibice, usanga buri ruhande rurega urwo batavuga rumwe ko ari bo bataye umurungo. Nyamara n'abandi usanga imvugo ari imwe. Iyo ubirebera ku ruhande, biragora kumenya uvuga ukuri n'uwigiza nkana. Igikomeye ariko ni uko abantu bashobora kutumvikana nyamara umurungo ari umwe. Hari mpamvu ibitera, reka tuyisobanure.

Umurungo wa politiki ni nk'umurima w'imyaka. Usaba guhozaho, ukavomera, ukufira, ukarinda ibyonnyi...Nta kuruhuka. Ni yo mpamvu ishyamba ryose rigeze ku butegetsi akenshi umurungo waryo wa politiki utakaza ingufu. Abantu barangarira mu byubahiro n'inyungu zibikomokaho, wa murimo uhoraho wo kubaka umurungo wa politiki ukahatsikirira. Ni na yo mpamvu abunze ubumwe bashakira ubutegetsi tubabona kenshi nyuma y'igihe gito babirwaniramo. Mu Rwanda ho tubizi kurusha abandi kuko byabaye kuri buri ngoma.



Bernard Ntaganda

MDR 59 imaze kugera ku butegetsi, umurungo wayo waradohotse hatangira amahari. Ni na ho haturutse ijamba “**guta umurungo**”. Bukeye birasubira hagati ya ba “Camarades du 5 Juillet”, ngo bamwe bashatse gukora coup d'etat. Ejobundi tubona inkotanyi zifata bamwe mu mfura zazo banazibereye ku isonga, zikabahindura ngo ibigarasha, abanzi, aba FDLR n'ibindi. Nta gishya mu nsi y'ijuru. Iyo bibaye rero abantu bashinjanyaga ngo guta umurungo. Byahe byo kajya ! Ushatse kumva ibya politiki wabigereranya n'ihinga. Iyo abantu bagana ku butegetsi baba bari mu ihinga, bakizirika umukanda ngo hatabura imbuto. Iyo babugezeho, isarura riba rigeze, umukanda ukaziturwa. Kandi wanabyumva. Gereranya inkotanyi zo muri 1994 zatungwaga n'impugure, n'izo muri 2013 zikaraba agakomeye mu maso mbere yo guterefonza zibaza amakamyo yagiye Mombasa aho ageze. Iri ni ryo hurizo ry'ukuri. Ibi kandi bihura na cya kibazo cya kamere muntu twabonye politiki yubakiyeho. Mu buzima bwacu, ibyo dukeneye ntibigira ingano (besoins illimités), nyamara ikigega cy'ibisubizo cyo ni gito (ressources limitées). Iyo rero igihe cyo kurya kigeze, hari abacura abandi, hakaba ababyihanganira n'abanga umudari...ibyo byose bikitwa kutumvikana ku murungo wa politiki! Ikibikwerekana, ni uko mu babivugaga bese nta n'umwe uba yareguye akiri mu myanya ngo tumenye ko hari koko ibyo atemera. Bose babivugaga iyo bamaze gukumborwa.

Gusa iyo usesenguye witonze ibivugwa n'abashyamba na FPR, uratungurwa. Bakubwira ko bayivuyemo kuko **yateshutse ku cyo barwaniraga mu ntangiro**, ku murungo wayo wa

politiki, ngo bo bakaba bakiwukomeyeho. Twarebeye hamwe uwo murongo uwo ari wo. **Ni wa wundi wa Lunari ari wo gihake ishingiye ku bisekuru n'umurage: ni uwa babandi bumva ko bavukiye gutegeka abandi bakaba bagomba kubabera abagaragu** . Nibutse ko FPR yatangiye yitwa Ranu (Unar mu cyongereza). Nguwo rero umurongo w'ikubitiro baba bavuga ko bo ngo bagikomeyeho. Si byo se? **Bazumva ryari ni umwana w'umunyarwanda**. Kandi nta n'igitangaje kuko ababivuga bagize uruhare rw'ikubitiro mu kubaka uriya murongo. Iyo Kayumba avuga ko FPR yataye umurongo wo mu ikubitiro, we akaba akiwukomeyeho, aba avuga uwuhe? Ni wa murongo FPR yagenderagaho no muri za 98 ubwo uyu Kayumba yari umugaba w'ingabo zayo, za zindi zatsembye abaturage bo mu majyaruguru (Ruhegeri na Gisenyi). Iyo Rudasingwa avuga ko FPR yateshutse ku murongo wa politiki barwaniraga agahitamo kuyizibukira aba avuga uwuhe? Wa wundi wayiyoboye kuva 1991 kugeza 1993 ubwo yari ayibereye umunyamabanga mukuru, ari na bwo FPR yateye itabi za Byumba n'Umutara, ubu abari bahatuye hakaba hasihage mbarwa. Iyo Gahima avuga ko yazibukiriye FPR kuko yataye umurongo w'ikubitiro aba avuga iki? Wa wundi wayoboye ubutabera bwayo imyaka yose yabaye Umushinjacyaha Mukuru. Niba ibivugwa n'abitandukanyije na FPR ko ngo bo bagikomeye ku cyo FPR yarwaniraga mu ikubitiro ari ukuri, **ibi byo birasobanutse**. icyo yarwaniraga turacyizi. Utacyizi azajye za Byumba abaze, mu Mutara, za Ruhengeri, Gisenyi na Kigali Ngali. Azamenya neza umurongo FPR yarwaniraga uwo ari wo, ari na wo abitandukanyije na yo biratana ko ngo bo bakiwukomeyeho. Ubundi se usanze bombi nta n'umwe wawutaye!!!! Ziracyapfa Bitanihira!!!!

Umwanzuro: “Nka kera utaransuhuka”.

Hari idirimbo nziza y'ubwiyunge hagati y'abari barigeze kuba inshuti nyuma bakaza gutana. Iragira iti “sindagira unsange dusabane, nka kera utaransuhuka, kera nkikiri rudasumbwa, ukinsimbagiza abasizi bakansingiza”. Koko rero ngo **“aho yanyuze ntihanyura urwango”**. Politiki na yo ni nk'urushako. Twarabibonye kenshi aho abantu bashakana nyuma bagatana, hagaca igihe. Hari ubwo rero bakubitana, ibya kera bigasiba ibya nyuma, umubano ugakomereza aho wari ugereje. Na politiki ni kimwe. Ubishidikanya azasure Kajeguhakwa amubaze icyabaye hagati ya Kajeguhakwa washinjaga FPR kuba umutwe w'iterabwoba na Kajeguhakwa ubu uganje i Kigali. N'akataraza kari inyuma. Utanagiye kure, uzitegereze, uzabona abasaraye kubera kwamagana Kagame (umuntu ku giti cye) nyamara iyo bageze kuri FRP (système) bararuka bakarumira, cyangwa bakaruma bahuha. Ushatse impamvu ntujye kure: **Aho ujishe igisabo ntuhatera ibuye**.

Abaharanira guhuza oposition bafite umurimo utoroshye wo kubanza kumenya abarwanya Kagame n'abarwanya FPR. Uwunga yahera n'aho. Kudatandukanya ibi byombi, byaba kwitiranya imboga n'indabo, ugateka indabo, ugataka imboga.

Edmond Munyangaju.